

ASb  
approved



# Drought and the River of Blessings

Mohammed Sale Also  
Awwalu Sakiwa

Amapfa  
n'Umugezi  
w'imigisha

Jean Paul Harelimana  
Awwalu Sakiwa

English / Kinyarwanda



In a particular year, the dry season was too long and a drought hit hard. As a result, all the rivers dried up, except the River of Blessings.

All the animals were thirsty and called for a meeting.

Igihe kimwe, amapfa yarateye kubera impeshyi yari yabaye ndende, imigezi yose yarakamye hasigara Umugezi w'imigisha.

Inyamaswa zose zagize inyota maze zikora inama.



Camel was the first to speak, "As you know, we are very thirsty and all the rivers have dried up, except the River of Blessings. But it is very far away. What do we do?"

Ingamiya ni yo yafashe ijambo bwa mbere. Yagize iti: "Nkuko mubizi, dufite inyota kandi imigezi yose yarakamyeye. Umugezi w'imigisha ni wo wonyine utarakamyeye kandi uri kure cyane. None dukore iki?"



Horse suggested, "Some of us can go to the River of Blessings. We can drink and bring water for the others."

Cow answered, "It is too far. By the time we returned from the river those left behind would be dead."

Ifarasi iravuga iti: "Bamwe muri twe bashobora kujya ku Mugezi w'imigisha. Dushobora kunywa tukazanira abandi amazi yo kunywa."

Inka iravuga iti: "Ni kure cyane. Igihe twazagarukira, abo twasize twazasanga barapfuye."



Sheep said, "Maa! Maaa! I will go to the River of Blessings and drink water."

Goat jumped up and said, "Meee, meee! I will also go to the River of Blessings."

Chicken said, "Keer, ker ker ker! I too will go to the River of Blessings."

Intama iravuga iti: "Maaa! Maaa! Nzajya ku Mugezi w' imigisha nywe amazi."

Ihene itera hejuru iti: "Meee! Meee! Nzajya ku Mugezi w' imigisha nywe amazi."

Inkoko iti: "Ko, ko, ko, ko! Nange nzajya ku Mugezi w'imigisha."



All the animals wanted to go. Camel led the way.

Going there was not easy. Guinea fowl was last in the line. "My friends, I can no longer go to the River of Blessings," he said.

Chicken swallowed Guinea fowl.

Inyamaswa zose zashakaga kugenda.  
Ingamiya yayoboze inzira

Kujyayo ntibyari byoroshye. Inkware ni yo yari iri ku murongo inyuma.  
Iravuga iti, "Nshuti zange, sinshobora kujya ku Mugezi w' imigisha."

Inkoko imira inkware.



They continued. Chicken said, "Please, I am tired, I no longer want to go to the River of Blessings."  
Sheep swallowed Chicken.

Bakomeza urugendo. Inkoko iti,  
"Ndabasabye, ndananiwe, singishaka  
kujya ku Mugezi w' imigisha."

Intama imira inkoko.





As the journey continued, Sheep also became tired.

Sheep said, "I am tired. I do not want to go to the River of Blessings anymore."

Goat swallowed Sheep.

Urugendo rurakomeza, intama na yo irananiirwa.

Iravuga iti, "Ndananiwe. Singishaka na gato kujya ku Mugezi w'Imigisha."  
"

Ihene imira intama.






Soon, Goat was too tired to continue going to the river. Horse turned and swallowed Goat.

When Horse became too tired to go to the river, Cow swallowed him.


Bidatinze, ihene yari inaniwe cyane ku buryo itakomeza kujya ku ruzi. Ifarashi irahindukira imira ihene.

Igihe Ifarashi yarushye cyane ku buryo itagera ku ruzi, Inka irayimira.



When Cow finally could not continue,  
Camel turned and swallowed her.

Mu gihe Inka na yo yarinaniwe  
gukomeza, ingamiya irahindukira  
irayimira.



The camel was left alone among all the animals. He did his best to reach the River of Blessings.

He finally arrived but was very tired.

Ingamiya yasigaye yonyine mu nyamaswa zose. Yakoze uko ishoboye ngo igere ku Mugezi w'imigisha.

Yaje kuhagera ariko yananiwe cyane.



On arrival, Camel lay down and vomited Cow.

Cow vomited Horse. Horse vomited Goat.

Goat vomited Sheep. Sheep vomited Chicken and Chicken vomited Guinea fowl.

Ingamiya imaze kuhagera yaryamyeye  
hasi maze iruka inka.

Inka yarutse ifarasi, ifarasi yarutse  
ihene.

Ihene yarutse intama, intama iruka  
inkoko, inkoko na yo iruka inkware.



And that is how all the animals managed to drink water from the River of Blessings.

Nguko uko inyamaswa zose zabashije kunywa amazi yo ku Mugezi w'imigisha.

You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:  
Ufite uburenganzira bwo gukuramo, gukoporora, guhindura cyangwa guhuza iyi nkuru kandi ukoreshe amashusho mugihe cyose ubyitiriye muburyo bukurikira:

## Drought and the River of Blessings / Amapfa n'Umugezi w'imigisha

Author / Umwanditsi -- Mohammed Sale Also

Translation / Ubuhinduzi -- Mohammed Sale Also / Jean Paul Harelimana

Illustration / Icyitegererezo -- Awwalu Sakiwa

Language / Ururimi -- English / Kinyarwanda

Level / Urwego -- Longer paragraphs / Paragarafu ndende

© African Storybook Initiative 2018

Creative Commons: Attribution 4.0

Ibikorwa bihanga: Inshingano 4.0

Source / Inkomoko [www.africanstorybook.org](http://www.africanstorybook.org)

2023.06.06

